

Kinyarwanda III

091

16 Nov. 2005 - 14h00-17h00

INAMA Y'IGIHUGU ISHINZWE IBIZAMINI



B.P 3817 KIGALI-TEL/FAX : 586871

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO RUSANGE CY'AMASHURI
YISUMBUYE 2005**

IKIZAMINI : IKINYARWANDA III

URWEGO : ICYICIRO RUSANGE

IGIHE KIMARA : AMASAHA 3

AMABWIRIZA :

Ikizamini kigizwe n'ibice bine :

Igice cya mbere : Kumva no gusesengura umwandiko (**amanota 30,5**)

Igice cya kabiri : Ikibonezamvugo (**amanota 44,5**)

Igice cya gatatu : Imyandikire y'ururimi (**amanota 10**)

Igice cya kane : Ihimbamwandiko (**amanota 15**)

Amanota yanditse imbere ya buri kibazo. Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.

Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye, nta kurondogora.

Ireme, n'intego bigomba gutungana.

Kirazira kwandika izina ryawe cyangwa iry'ikigo wigamo mu gice cy'ihimbamwandiko.

Siga umwanya wandikwamo amanota.

Gusiribanga bitwarirwa amanota.

N'IMIRUMBIRE YABA IYA NTENYO !

Uyu mugani umuntu awuca iyo agobotswe n'amaburaburizo abandi bahinyura, agashobora kugoragoza icyari kimubangamiye; ni bwo agira ati : "N'imirumbire yaba iya Ntenyo !" Wakomotse ku ingarisi zo mu Buganza (Kibungo); ahagana mu mwaka w'I 1800.

Mu rwimo rwa Yuhi Gahindiro, mu Rwanda hateye inzara kimbura; bayita Rukungugu : amapfa aracana, ibintu biradogera impande zose z'u Rwanda : amapfa aracana mu Buganza, aracana mu Mutara, aracana mu Rukiga rwa Byumba, arasesura mu Rukaryi n'u Bwanacyambwe; mbese utwo turere turarimbuka. Ibintu bimaze kuyoberana, abagabo babiri bo mu Buganza bacitse ku icumu, bumva bavuga ko i Bumbogo bwa Mbirima na Matovu (Rushashi) hagikanyakanya. Barikora n'abana n'abagore babo baboneza basuhukiyeyo; bagezeyo basanga Abambogo na bo bahonda inguûri. Babikubise amaso barumirwa; baribaza, bati " Tubikitse dute ko tutabona icumbi kandi ntidufunguze ! Tubaye abande ?"

10 Bigeze aho baragenda biroha mu rugo rw'umukecuru w'umupfakazi wari aho mu Bumbogo bamutunguye bakubita urugi, bamugezeho bamwaka icumbi. Umukecuru arababwira, ati " Ndabaha indaro ariko nta funguro mubona na twe turicira isazi mu maso". Baracumbika ariko barara bagera ijoro. Babaza wa mukecuru, bati " Mbese ntiwatumenyera u Rwanda rwaruta urundi ?" Umukecuru ati " Numvise ko hakurya aha ku Ndiza no mu Buriza hapfuye gukanyakanya, ariko jyeweho nabuze intege zangezayo". Abagabo barita mu gutwi. Bukeye baradogagira bambuka Nyabarongo bafata ku Ndiza. Bagezeyo basanga hari hanyuma y'ibibi byose. Ni bwo bigiriye inama, bati " Aho gupfa uru nimuze dusindagire dusubire inyuma twirohe muri Nyabarongo !" Abagore babo babyumvise, arababwira bati " Nimugende mwenyine ntitwatinyuka

20 kwihekura, kwirohera abana batazi icyatsi n'ururo kandi bagifite ubugingo."

Mu gihe bakivuga, bumva abandi badari bavuga bati "Tugiye ku Ntenyo ngo bejeje uburo, ubu baragesa wenda twahabona amaramuko !" Babandi bati "Natwe nimuze tujyeyo, tuhace inshuro none twazarokoka !" Baboma mu nyuma bafatanyarurugendo.

Nuko bikoma abo badari bandi, baradogagirana bataha mu Marangara bukeye barasindagira bagera ku Ntenyo; batungukira ku murima w'uburo bwa Mirenge. Bakibukubita amaso, ntibirirwa babaza, biroha mu murima n'abagore n'abana babugwamo urwuba. Ubwo bawugezemo, abarinzi babwo bagannye imuhira, kwica isari ariko kandi n'ubwo buro bukaba bwarambye bweze ibitarutaru. Bamaze kubugeramo,

30 baratangira barahakenya. Igihe binikije bashishibuza baryana uburo n'umurama, abarinzi babatungukiraho barabafata. Bagaye kubakubita, baratinya, bati "Tutabahuhura bakatugwaho, ahubwo nimuze tubashyire Mirenge abitegekere !" Barashorerana no kwa Mirenge, babagezayo ibyanga byabarenze. Mirenge abakubise amaso abaza abarinzi, ati "Aba bantu ibyanga byarenze none ntibamariyeho twaturumbaguzwa tw'uburo !" Abandi bati "Ese wowe amaso ntaguha ?"

Ba badari bumvise Mirenge yise bwa buro uturumbaguza, batera hejuru, bati "N'imirumbire yaba iya Ntenyo !" Ubwo bashakaga kumwumvisha ko nta handi mu Rwanda wabona uburo nk'ubwo ku Ntenyo. Abantu bari aho babyumvise babagirira impuhwe, na Mirenge arazibagirira, ndetse abashyira iwe bacayo inshuro

40 baranzamuka, bukeye bazana akabiri barakira.

Nuko umugani utangira ubwo, umuntu yaba amaze gushoberwa akagobokwa n'akantu k'amaburaburizo abandi bahinyura, agashobora gukika icyari kimwugarije, noneho we akagira ati : "Nimurekere iyo, n'imirumbire yaba iya Ntenyo !" - Imirumbire ya Ntenyo = amaburaburizo.

IGICE CYA MBERE

A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 15,5)

N.B : Subiza ukoresheje amagambo yawe bwite. Kwandukura interuro cyangwa igice cyayo bifatwa nko gukopera.

1. Andika amazina y'uturere dutatu (3) abashonji b'i Buganza bagiye guhahiramo ? (1,5)
2. Dore izina bwite ry'umukungu w'imyaka wari utuye ku Ntenyo. Yabaye imvaho y'inshoberamahanga ikurikira :... (1)
3. Umukecuru w'umumbogo yabemereye iki ? Yabahakaniye iki ? (1)
4. Sobanura iyi mvugo mu nteruro y'umurongo umwe :
Ese mukecu "Ntiwatumenyera u Rwanda rwaruta urundi ?" (1)
5. Abashonji bambuka Nyabarongo bigiriye inama zinyuranye.
Abagabo bifuzaga iki ? Abagore babyifashemo bate ? (2)
6. Kuki ibyanga byaâreenze abashonji bagitunguka ku Ntenyo ? (1)
7. Abarinzi b'umurima bari bagiye hehe ? Kuki birinze gukubita abashonji ? (2)
8. Mirenge yahanishije iki abari bamwibye ?
Abadari bahise bemerewe iki ? (2)
9. U Rukaryi n'u Bwanacyambwe bivugwa mu magambo mu mwandiko bibarirwa ubu mu ntara yihe ? (1)
10. Erekanako umuco mwiza w'Abanyarwanda wagaragajwe n'uwo mukecuru w'umupfakazi wo mu Bumbogo. (1)
11. Uyu mwandiko ni bwoko ki ? Kubera iki ? urangira ute ? (2)

B. INYUNGURAMAGAMBO

12. SOBANURA AYA MAGAMBO AKURIKIRA DUSANGA MU MWANDIKO

(amanota 12)

- a) ingâariisi
- b) kurumbaguza
- c) kwicira isazi mu maso
- d) kugera ijoro
- e) kudogarira
- f) kugwa urwubâ
- g) gushyishibuza
- h) kugesa (uburô)
- i) intege (inyito ebyiri)
- j) ibitarutaru
- k) kutamenya icyatsi n'ururo
- l) kwihesha

C. IMPUZANYITO

13. UHEREYE KU MWANDIKO .

andika amagambo asobanura kimwe .

(amanota 3)

- a) Abashonji bamaze guhembuka, bagumye kwa Mirenge bahingira ibiribwa : ba.....
- b) Kwiya mu kinyarwanda cyiza bavuga ko ari guta umuntu mu ruzi (nka Nyabarongo) ni
- c) Igaburo banyita kandi cyangwa cyangwa

IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO

14. Andika ubwoko bw'amagambo akurikira aciyeho akarongo.

(amanota 8)

- a) Hashize iminsi mike, hatara inzara kimbuzi yitwaga Rukungugu; ikava hamwe ijya ahandi hantu.
- b) Na bo baramutakira bati "turicira isazi mu maso"
- c) Tugomba kwita ku bapfakazi, imfubyi n'ibimuga.

15. Garagaza intêgo z'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine).

(amanota 14,5)

- a) Twagenza dute kugira ngo ducumbike kandi dufunguze
- b) Ni abana batari icyatsi n'ururo ariko bakeneye kuramba.
- c) Babageza yo ibyanga byabarenze ariko baahembuutse.
- d) Bakubise izo inzugi, umukecuru yumva indiishya akangukira hejuru.

16. Andika ibicumbi by'amagambo aciyeho akarongo.

(amanota 5)

- a) Hateye inzara kimbura, ibintu biradogera impande zose.
- b) Abagabo barita mu gutwi.
- c) Nuko bumva abavuga ko mu Marangara hari amahaho.
- d) Biirara muri bwaa buro, baburira kubumara.

17. Andika inteko ku mazina, ibinyazina na ngenga ku nshinga byaciweho akarongo.

(amanota 6)

- a) Ni bwo bagiye inama bati " aho gupfa nimuze twinage muri Nyabarongo"
- b) Natwe ntacyo turya hano nibucya turasuhuka.
- c) Tugiye ku Ntenyo ngo bejeje uburo

18. UBUTINDE N'AMASAKU

a) Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'amagambo n'imiterere y'amasaku ariko ugabanya ibimenyetso.

(amanota 6)

- umudari (umushonji) ≠.....(wambarwa mu gatuza cyangwa mu ijosi)
- gutungura (utateguje) ≠.....(kuzana, ...)
- kumira (gutinda ahantu) ≠.....(buuguri)
- gufungura (kurya) ≠.....(urugi, idirishya)
- Mirenge (akarere k'imisozi migufi) ≠.....(wo ku Ntenyo)
- uburiza (urubyaro rwa mbere) ≠.....(akarêrê ka Kigali Ngali)

b) Garagaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ugabanya ibimenyetso muri iyi nteruro . (amanota 5)

Umukecuru ati : "Bana ba, numvise ko hakurya ya Nyabarongo no ku Ndiza hapfuye gukanyakanya ariko jyewe nabuze intege nanjye zangezayo."

IGICE CYA GATATU : IMYANDIKIRE Y'URURIMI

19. Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda . (amanota 10)

- a) Inyuguti ya 8 ikoreshwa ahantu habiri hakurikira :
Tanga urugero rumwe kuri buri ngingo uko ari eshatu. (3,5)
- b) Tanga urugero rw'amagambo atatu (3) arimo igihekanze /tsw/ (1,5)
- c) Kosora iyi nteruro ukurikije imyandikire yemewe : (5)
Abadali bavuye mubumbogo bajya mu turere tw'intara ya gitarama yubu, ariko badogagira, arindembe, bagobokwa nuburo bwamirenge. Babubonye bati « yo. mureke turye twikure pe." Nuko babugwa mu urwuba Bose barahamyira.

IGICE CYA KANE : IHIMBAMWANDIKO (amanota 15)

Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko ebyiri (2) zikurikira uyivanemo umwandiko muremure ufite imirongo 25 y'amagambo umunani (8) umwe umwe.

- 20. Uhereye ku mutwe w'uyu mwandiko uvuga iby'imirumbire y'umurima w'uburo, andika ku mpamvu enye (4) zishobora gutuma umunyeshuri atsindwa n'ingamba yafata kugira ngo atagwirwa n'iryo shyano.
- 21. Muri iyi myaka umaze mu cyiciro rusange, andika ku masomo abiri washimye n'impamvu ziyagukundisha n'abiri udashamadukiye n'impamvu zabyo.

N.B : Kirazira kugaragaza amazina yawe cyangwa ay'ikigo wigamo.

Blank page

Blank page

BLANK PAGE